

Abanyarwandakazi begukanye ibihembo mu irushanwa rya Nyampinga ubyibushye mu karere

Yanditswe na [Thamimu Hakizimana](#)
Kuya 30 Ukuboza 2017

Uwase Denyse na Assia Nyiramwiza baserukiye u Rwanda mu irushanwa ry'abakobwa babyibushye mu karere, begukanye ibihembo mu myanya ya mbere mu bakobwa bari baturutse mu bindi bihugu bitandukanye.

Aba banyarwandakazi begukanye ibihembo mu ijoro ryo kuwa Kane, tariki ya 28 Ukuboza 2017, mu irushanwa rya Miss Chic Madam ryahuje ba Nyampinga bafite ibiro biri hagati ya 90 na 190. Iki gikorwa cyabereye mu Mujyi wa Bukavu uherereye mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo.

Miss Uwase Denyse upima ibiro 92 yatahanye umwanya wa kabiri ahembwa amadolari 500 na telefone igezweho; Nyiramwiza Assia yegukana umwanya wa kane mu bantu 15 bo mu bihugu byitabiriye iri rushanwa, ahembwa amadolari 200 na telefone igezweho.

Miss Jeanne Mbula wo muri Congo Kinshasa w'ibiro 92, niwe wagizwe Nyampinga wa mbere mu Karere muri ibi birori. Yahembwe amadolari 1000, itike y'indege na telefone igezweho.

Iri rushanwa ryari ryitabiriwe n'Abanyarwandakazi batanu batoranyijwe mu ijongora ry'ibanze hakomezwa Uwase Aline Marie Pacifique w'ibiro 117; Uwase Umuhoza Denyse ufite ibiro 92; Uwizeye Vivine w'ibiro 180; Nyiramwiza Assia ufite ibiro 132 na Mugabekazi Jolie w'ibiro 120.



Jeanne Mbula wo muri Congo Kinshasa w'ibiro 92 wabaye Nyampinga akijwe iburyo n'ibumoso n'Abanyarwandakazi bamuguye mu ntege



Miss Uwase Denyse upima ibiro 92 yatahanye umwanya wa kabiri





Nyiramwiza Assia wegukana umwanya wa kane mu irushanwa rya Nyampinga ubyibushye mu karere




Abahataniraga kuba Nyampinnga ufite ibiro byinshi mu karere



Bari imbere y'abakemurampaka batangaga amanota



Ubunini si icyo bashakisha



Umwe mu Banyarwandakazi bitabiriye irushanwa